# 282: A bantu benshi cyane bataye uwiteka

1. A bantu benshi cyane Batay' Uwiteka, Bazimiye nk'intama Zahabiye kure, Zihagaze ku manga, Zikicwa n'imbeho,impyisi zikazirya : Ni kw abo bameze!

Ref: Nimuze,tubashake Twe tubatarure Bizatunezeza cyane, Tuzany' intam' imwe,

2. Hemeye nde kugenda Gushak' inzimizi, Ntiyite ku makuba No kubiruhanya, Ngwagir' ure umwete mwinshi Nk' ushak' itungo rye, Agend’ ashak' intama Yesu yapfiriye

3. Nubw' uri mu mahoro, Mbese, wumv' ufite Ishyaka rikujyana Gushak' iza Yesu? Nahw ar’ aboroheje Cyangw’ abagayitse N' abantu b'igiciro Mu maso ya Yesu.

4. No kw irembo ry'urugo.Yes’ arahagaze, Ahamagar’ intama, Azugururiye.Abuz' abazicyura :Ni wow’ abwir' ati: Ushak' intama zanjye, Izo napfiriye

5. Byab' ari byiza Yesu Bwakwira tukaza Tukakubwira tuti :N'ukuri twiriwe Dushak' intama zawe Izi zazimiye.Ngizi, turazicyuye : Zishyire mu rugo !

Visit us at burundi.indirimbo.com